# Oneida Indian Nation Kiratangaza Ibisobanuro birambuye ku iterambere rya Miliyoni 370 z'amadolari; Kwaguka cyane mu Mateka y'Ahantu ho Gutemberera no Kuruhukira

## Umushinga w'Imyaka Ibiri wo kwangura inyubako harimo n'Ikigo cyakira Inama Gishya, Hoteli Nshya n'ibindi

*Oneida Indian Nation uyu munsi cyatangaje ibisobanuro birambuye ku ishoramari rya miliyoni 370 z'amadolari mu iterambere rya Turning Stone Resort Casino, nini mu mateka y'ahantu ho gutemberera no kuruhukira. Impinduka y'imyaka ibiri izaba irimo ikigo gishya cyakira inama, aho kwakirira abantu hanze hadasakaye, hoteli n'ibindi. Iterambere rikomeza umuhate wa Oneida Indian Nation wo gushora imari mu karere, inganda zacyo ndetse n'abagize itsinda bafite miliyoni 616 z'amadolari mu ruhare rw'igihe kimwe mu bukungu, guhanga imirimo icirirtse 3,600 hamwe na miliyoni 22.1 z'amadolari muri leta n'imisoro yo mu gihugu.*

**Oneida Indian Nation Homelands (21 Nyakanga 2023) -** Oneida Indian Nation uyu munsi cyatangaje amakuru arambuye ya igishoro cy'imari ingana na miliyoni 370 z'amadorali mu iterambere Turning Stone Resort Casino mu myaka makumyabiri. Uretse kwagura, uku kongera gushora imari kuzaba ari iterambere ryuzuye ry'ahantu ho gutemberera no kuruhukira mu gace duherereyemo harimo ikigo gishya cyakira inama, aho kwakirira abantu hanze hadasakaye, hoteli, n'ahandi umuntu yakongera gutekereza byuzuye Turning Stone ku bisekuruza bizaza. The Nation cyafatanije n'ikigo kizwi cyane ku isi cy'ubwubatsi no gushushanya Gensler, kandi kizashingira kuri uyu mushinga munini w'imyaka ibiri mu ntangiriro z'umwaka utaha. Hamwe na miliyoni 370 z'amadolari, iterambere rya Turning Stone zizinjiza miliyoni 616 z'amadolari mu uruhare rw'igihe kimwe mu bukungu, zireme n'imirimo icirirtse 3,600 ikandi zinjize miliyoni 22.1 by'amadolari y'imisoro n'amahoro bya Leta n'agace duherereyemo.

(Ibisobanuro by'Iterambere rya Turning Stone)

**Ikigo Gishya Cyakirana Inama gifite ubuso bwa metero kare 77.000**

Iterambere rya Turning Stone izakuba kabiri umwanya usanzwe wakira inama harimo aho kwakirira abantu imbere mu nzu n'aho kwakirira abantu hanze hadasakaye harimo:

- Ibyumba bishya umunani by'inama, byinshi bifite aho kwakirira abantu hanze hadasakaye
- Ibyumba bibiri bishya, harimo Grand Ballroom ya metero kare 30.000 hamwe n'aho kwicara hareba mu Shenendoah Golf Course na The Lodge's Great Lawn
- Imbuga ngari y'aho kwakirira abantu hanze hadasakaye ifite ahantu hashya hatatu ho kwakirira ibikorwa
- Aho imodoka zihagaraga hashya imbere mu nzu  hafite imyanya yo gushyiramo imodoka 2000 kandi bikoroha kugera mu kigo kiberamo inama

Nihuzura, ibi bikorwa bishya bizatuma Turning Stone ikigo kinini cya mbere cyakira inama muri Leta ya New York na hamwe mu hantu hatatu gusa hangana gutyo hanateye gutyo mu gihugu. Hamwe n'ibikorwa bihari ndetse n'ubufatanye, ikigo gishya cyakira inama bizagura ahantu ho gutemberera no kuruhukira n'imenyekanishabikorwa mu karere ka Atlantika yo Hagati ndetse na New England no mu no mu nganda nshya mu gihe bikurura imiryango n'ibikorwa binini kandi bikomeye.

**<u>Hotel Nshya, Resitora Nshya hamwe n'Amakuru Agezweho Menshi ku buryo bwo Gucumbika Busahari</u>**

Kugira ngo hiyongere inama n'abashyitsi b'ibirori, iterambere rizaba ririmo no kubaka The Crescent. Hoteli nshya ya Four-Diamond izakiriza abashyitsi inyubako y'agahebuzo isigara mu mitwe yabo:

- Ibyumba 258, harimo 23 byagutse icyumba kimwe na bibiri by'abanyacyubahiro ku bafite uburambe
- Ahakirirwa abashyitsi hafite igicaniro n'ahantu ho kwicara, ugahabwa serivisi y'ikawa yihuse n' ahicara ha VIP
- Salt Seafood & Raw Bar, ahantu heza hashya ho gusangirira kuva ku itsinda ryatsindiye ibihembo rya Turning Stone, n'ibyumba bitanu byo kuriramo bifite aho kwakirira abantu hanze hadasakaye

Amacumbi ahari ya Turning Stone na yo izagira impinduka mu kuvugurura biza bikomeje ku The Lodge kugira ngo igumane Ibipimo by'inyenyeri enye Forbes yegukanye maze The Hotel ihinduka The Brook, igafata izina rishya mu rwego rwo guha icyubahiro inzira nziza z'amazi yo muri ako karere no gutanga ubwiza bushya kandi bugezweho muri rusange.

**<u>NY Rec & Social Club Iza kuri Exit 33</u>**

Mu Kuboza 2023, The Lounge with Caesars Sportsbook hazimukira ahagenewe imyidagaduro ya nijoro kuri Turning Stone's Exit 33, NY Rec & Social Club (yitwaga Lava Nightclub). Ahantu hashya h'imyidagaduro hazatanga uburambe bw'ibihe byose kubera ibikoresho bigezweho birimo:

- Za televisiyo zirenga 60 zigaragara neza

- Intebe nziza
- Ibyumba by'imyidagaduro
- Amahitamo y'imyidagaduro arimo biyari (gukina biyari), umupira w'amaguru ukinirwa ku meza, imikino yo gusunika ingasire nto, n'imikino y'amahirwe ikinirwa ku mashini yabugenewe
- Bingalo z'aho kwakirira abantu hanze hadasakaye zifite aho kwicara heza hamwe n'aho gukinira amakarita

**<u>Ikigo Nderabuzima kigenewe Abakozi n'Abakiriya</u>**

Uburambe bw'abagize itsinda kuri Turning Stone  no hirya no hino mu bigo by'Nation buzakomeza gutera imbere kimwe no kubaka ikigo nderabuzima cya metero kare 5000. Cyakozwe ku bufatanye n'Roma Health kandi kiri ahagerwa mu buryo bworoshye n'abagize itsinda bose, imiryango yabo n'abakiriya b'ahantu ho gutemberera no kuruhukira, ikigo nderabuzima kizatangwa ubuvuzi bwihutirwa, ubw'ibanze, bworoshye ndetse n'ubwo kwita ku mutima mu gihe cy'amasaha yongewe harimo nimugoroba, impera z'icyumweru na konji.

**<u>Ibindi Byiyongera kuri Turning Stone</u>**

- Ahantu hakozwe ha Robert Trent Jones Jr y'imyitozo ya golufe n'umwanya wo gutwariramo ndetse n'ahantu hato h'imikino kugira ngo hashyigikirwe ahantu ho gutemberera no kuruhukira hari ikibuga cya golufe
- Ahantu harenga 120 zo gusharija imodoka zikoreshwa n'amashanyarazi, harimo 36 Tesla Superchargers (sharijeri z'imodoka z'amashanyarazi), zashyizwe mu Nation hose ku bufatanye na Tesla zigenewe abakiriya n'abakozi

**<u>Oneida Nation Enterprises  Gihinduka Turning Stone Enterprises</u>**

Mu rwego rwo gushyigikira iterambere rihoraho ryaranze Oneida Indian Nation mu myaka mirongo itatu, Oneida Nation Enterprises, umuryango wabyaye ibikorwa by'ubucuruzi by'Nation na cyo kizatera imbere.  Kuwa 1 Ukwakira, Oneida Nation Enterprises kizahinduka Turning Stone Enterprises. Ikiranga ikigo gishya giha agaciro uruhare rwa Turning Stone mu gushyiraho ibipimo kuri bose bya ikigo cy'Oneida Indian Nation n'uruhare rwa buri muryamuryango, hatitawe ku hantu bakorera, mu gutangira cya gusigasira iki gipimo.

**<u>Uruhare mu Bukungu rwa Turning Stone n'Oneida Indian Nation</u>**

Kuva yashingwa mu myaka 30 ishize, Turning Stone yabaye moteri y'iterambere ry'ubukungu no guhanga imirimo muri Leta ya New York. Isesengura ry'urare mu bukungu ryakozwe na Oxford Economics, imwe mu masosiyete yigenga akomeye ku isi, yatangaje ko muri 2022 honyine, Turning Stone n'ikigo cy'Oneida Indian Nation byinjije arenga miliyari 1 y'amadolari mu karere kandi buri mwaka byashyigikiraga imirimo irenga 7.000, harimo n'abakozi 4.500 ba Nation. Miliyoni 370 z'amadorali y'ishoramari muri iterambere rya Turning Stone zizanatanga imirimo

y’ubwubatsi ibihumbi kandi zinjize za miliyoni z’amadolari kubera ubwiyongere bw’abakiriya n’ubukerarugendo bwo mu karere buzakurikiraho.

2023 hizihizwa kandi isabukuru y’imyaka 10 ya Settlement Agreement hagati ya Oneida Indian Nation, New York State n’ibihugu bya Oneida na Madison. Kuva yakwemezwa, ayo masezerano yinjije miliyoni amagana z’amadolari agenewe abaturage kandi yafashije kurema imikoranire ikomeye hagati ya Nation n’inzego za leta n’iz’abikorera. Ubu bufatanye bwagize uruhare runini mu iterambere rya Oneida Indian Nation n’akarere murri rusange kandi bizakomeza bityo mu myaka 30 iri imbere ndetse no hejuru yayo.

Ray Halrbitter, Oneida Indian Nation Representative na Oneida Nation Enterprises CEO, ati “Iterambere rya Turning Stone rirenze kuba kwagurwa”. “Nta kindi uretse iterambere ry’ahantu ha mbere mu gace n’uruhare rwayo nk’umuyobozi mu bukungu. Hamwe n'ibikorwa byacu bisanzwe ndetse n'ubufatanye, ikigo gishya cyakirwa inama kizatuma Turning Stone na New York yo Hagati biba ahantu hakunzwe cyane mu birori binini kandi bikomeye.”

**Ibyerekeye Turning Stone Resort Casino**

Ahantu ho gusohokera hazwi cyane,hatsindiye ibihembo muri Leta ya New York, Oneida Indian Nation’s Turning Stone Resort Casino hafite ibikoresho bigezweho ku isi harimo amahoteli atanu, aho kogera habiri, ibibuga bitanu bya golufe, amahitamo arenga 20 y’aho gufatira amafunguro, hafite metero kare 125.000 aho gukinira ho mu bwoko bwa Las Vegas, The Lounge hafite Caesars Sports, ahantu hafite aho kwicara hakinirwa imikino ya tombora, The Showroom, ahantu heza ho gukorera igitaramo, ikibuga cy'imyidagaduro gifite imyanya 5000, ndetse n'ahantu henshi h’imyidagaduro ya nijoro. Iri ahantu heza mu birometero 30 iburasirazuba bwa Syracuse ku NYS Thruway exit 33, Turning Stone yiswe na Casino Player Magazine (ikinyamakuru) Ahantu heza ha #1 ho Gutemberera no Kuruhukira hari Imikino muri New York n’Ahantu ha #1 Heza Haruta Ahandi ho Kuriha. Turning Stone yanabonye Forbes Four-Star Award kubera The Lodge, resitora ya Wildflowers, TS Steakhouse, na Skʌ:nʌ́: Spa, no, mu myaka irenga icumi, igihembo cya Diyama Enye cya AAA kubera The Lodge, The Tower Hotel, na resitora ya Wildflowers.